**Umwaka wa 60**
**Igazeti ya Leta n° 39 yo ku wa 18/10/2021**

**Year 60**
**Official Gazette n° 39 of 18/10/2021**

**60ème Année**
**Journal Officiel n° 39 du 18/10/2021**

## *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup.*

***<u>Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora</u>***

**N° 01/2021 yo ku wa 15/10/2021**

Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga amatora y'Abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inama z'Igihugu mu 2021 ……………………………..………………………… 2

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

# AMABWIRIZA N° 01/2021 YO KU WA 15/10/2021 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA AGENGA AMATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE N'AB'INAMA Z'IGIHUGU MU 2021

## ISHAKIRO

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** ....... 4
Ingingo ya Mbere: Icyo aya mabwiriza agamije ....... 4
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo ....... 4
Ingingo ya 3: Uburyo ilisiti y'itora ivugururwa ikanatangazwa ....... 4
Ingingo ya 4: Gutumira no kwakira  indorerezi z'itora ....... 4

**UMUTWE WA II: INGINGO ZIHURIWEHO MU MIYOBORERE Y'AMATORA** ....... 5

**Icyiciro cya mbere: Abakorerabushake b'Amatora n'inshingano zabo** ....... 5
Ingingo ya 5: Uko Abakorerabushake b'Amatora bashyirwaho ....... 5
Ingingo ya 6: Imirimo itabangikanywa no kuba Umukorerabushake w'amatora ....... 5
Ingingo ya 7: Ibyiciro by'Abakorerabushake bazayobora amatora ....... 5
Ingingo ya 8: Umubare w'Abakorerabushake bayobora amatora kuri buri rwego ....... 5
Ingingo ya 9: Inshingano z'Abakorerabushake bayobora amatora ....... 6
Ingingo ya 10: Inshingano za buri Mukorerabushake ....... 6
Ingingo ya 11: Ibibujijwe abayobora amatora ....... 6

**Icyiciro cya 2: Imitegurire n'Imigendekere y'Amatora muri rusange** ....... 7
Ingingo ya 12: Gutanga kandidatire ....... 7
Ingingo ya 13: Kwiyamamaza ....... 7
Ingingo ya 14: Gukuramo kandidatire ....... 7
Ingingo ya 15: Guhagararira umukandida ....... 7
Ingingo ya 16: Umubare w' Abajyanama b'abagore ku Kagari no ku Murenge ....... 8
Ingingo ya 17: Igihe cyo gutangira no gusoza itora ....... 8

Ingingo ya 18: Kuzuza inyandimvugo y'itangira, n'iy'isoza ry'itora....................................9
Ingingo ya 19: Uko bigenda iyo abakandida banganyije amajwi ..........................................9
Ingingo ya 20: Gusimbura uwatowe wazamutse ku rundi rwego ..........................................9
Ingingo ya 21: Amabwiriza yo kwirinda Covid-19 ............................................................9
Ingingo ya 22: Imiterere y'urupapuro rw'itora .....................................................................9
Ingingo ya 23: Imigendekere y'amatora .............................................................................10
Ingingo ya 24: Abemerewe kwifashisha ababatorera .........................................................10

**UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA ...............................................................10**
Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza ...................................10
Ingingo ya 26: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa................................................11

**Inama y'Abakomiseri,**

Ishingiye ku Itegeko Ngenga N° 001/2019.O.L. ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;

Ishingiye ku Itegeko N° 065/2021 ryo ku wa 09/10/2021 rigenga Akarere;

Ishingiye ku Iteka rya Perezida N° 010/01ryo ku wa 05/02/2021 rigena imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari urw'Umurenge n'inteko itora kuri buri rwego;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe N°020/03 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga amatora ya buri Nama y'Igihugu;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01ryo ku wa 24/09/2021 rimenyesha isubukurwa ry'amatora;

Ishingiye kandi ku Iteka rya Minisitiri N° 003/07.01 ryo ku wa 14/10/2021 rigena ubundi buryo amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze akorwamo kubera inzitizi ntarengwa;

Imaze kubisuzuma no kubyemeza mu nama yayo yo ku wa 15/10/2021,

**Itanze Amabwiriza akurikira.**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya Mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza agenga amatora y'abayobozi b'Inzego z'ibanze n'ab'Inama z'Igihugu.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri aya Mabwiriza amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

1. **Komisiyo**: Ni Komisiyo y'Igihugu y'Amatora,
2. **Umukomiseri**: Ni Umukomiseri wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora,
3. **Umukorerabushake w'amatora:** Ni umunyarwanda utari umukozi wa Komisiyo wemerewe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kuyobora amatora.
4. **Itsinda:** Ni buri sibo rigize Umudugudu.

**Ingingo ya 3: Uburyo ilisiti y'itora ivugururwa ikanatangazwa**

Ilisiti y'itora izakoreshwa muri aya matora izavugururwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga burimo telephone na murandasi. Izatanganzwa ku rubuga rwa Komisiyo (www.nec.gov.rw) no mu itangazamakuru.

**Ingingo ya 4: Gutumira no kwakira indorerezi z'itora**

Gutumira no kwakira abifuza kuba indorerezi mu matora y'Inzego z'Ibanze n'ay'Inama z'Igihugu bizasozwa tariki ya 12 Ugushyingo 2021. Inyandiko zibatumira n'inyandiko

zibamenyesha iby'amatora zizabagezwaho hakoreshejwe ikoranabuhanga binyuze kuri Emails zabo.

## <u>UMUTWE WA II</u>: INGINGO ZIHURIWEHO MU MIYOBORERE Y'AMATORA

### <u>Icyiciro cya mbere</u>: Abakorerabushake b'Amatora n'inshingano zabo

### <u>Ingingo ya 5</u>: Uko Abakorerabushake b'Amatora bashyirwaho

Abakorebushake bazayobora amatora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu batoranywa mu bakorerabushake basanzwe bayobora amatora bakorewe isuzumamikorere. Urutonde rwabo rwemezwa n'Inama y'Abakomiseri.

### <u>Ingingo ya 6</u>: Imirimo itabangikanywa no kuba Umukorerabushake w'amatora

Abatemerewe kuba Abakorerabushake b'amatora ni aba bakurikira:

1. Abaminisitiri n'abandi bagize guvernoma;
2. Abagize Inteko Ishinga Amategeko;
3. Abayobozi n'abakozi bwite b'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejewe abaturage
4. Abacamanza, Abashinjacyaha, n'Abagenzacyaha;
5. Abashinzwe umutekano (Abasirikare, Abapolisi, NISS, DASSO);
6. Indorerezi z'amatora;
7. Abayobozi n'abahagarariye Imitwe ya Politiki ku nzego zayo zitandukanye;

### <u>Ingingo ya 7</u>: Ibyiciro by'Abakorerabushake bazayobora amatora

Ibyiciro by'Abakorerabushake bazayobora amatora n'ibi bikurikira:

1. Abakorerabushake ku rwego rw'Umudugugu;
2. Abakorerabushake ku rwego rw'Akagari;
3. Abakorerabushake ku rwego rw'Umurenge;
4. Abakorerabushake ku rwego rw'Akarere;
5. Abakorerabushake ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali;
6. Abakorerabushake ku rwego rw'Igihugu.

### <u>Ingingo ya 8</u>: Umubare w'Abakorerabushake bayobora amatora kuri buri rwego

Ku rwego rw'Umudugudu, Akagari n'Umurenge, amatora ayoborwa n'Abakorerabushake batatu (3) barimo Perezida w'Ibiro by'itora n'aba aseseri babiri (2).

Ku rwego rw'Akarere, Intara-Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Igihugu, amatora ayoborwa n'Abakorerabushake batanu (5).

Kuri buri rwego, igihe umukorerabushake atabonetse, asimburwa n'uwa mbere mu Bakorerabushake bari ku rutonde rw'abasimbura.

**Ingingo ya 9: Inshingano z'Abakorerabushake bayobora amatora**

Muri rusange abakorerabushake bafite inshingano zikurikira:

1. Gukangurira abaturage kwitabira amatora;
2. Gufatanya n'inzego z'ubuyobozi mu kugena no gutegura ahatorerwa;
3. Gutegura no kuyobora amatora y'inzego zose ku rwego yabereyeho;
4. Kuzuza imigereka no gukora raporo y'amatora.

**Ingingo ya 10: Inshingano za buri Mukorerabushake**

Perezida w' ibiro by'itora ashinzwe ibikurikira:

1. Guhuza ibikorwa by'Amatora;
2. Gusobanura uko amatora akorwa mbere y'uko atangira;
3. Kuyobora abandi Bakorerabushake;
4. By'umwihariko ashinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwirinda icyorezo cya covid-19;
5. Gukora no gutanga raporo y'Amatora.

Kuri buri rwego abandi Bakorerabushake bashinzwe ibikurikira:

1. Guha abagize inteko itora impapuro z'itora;
2. Kubarura amajwi;
3. Kuzuza imigereka y'amatora;
4. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ingamba zo kwirinda icyorezo cya Covid-19;
5. Gufasha ukuriye ibiro by'itora gukora raporo y'amatora.

**Ingingo ya 11: Ibibujijwe abayobora amatora**

Mu gihe cy'amatora abayobora amatora babujijwe ibi bikurikira:

1. Kubogama mu mirimo y'amatora;
2. Kwivanga cyangwa kujya mu bikorwa by'abakandida mu gihe bari mu mirimo y'amatora;
3. Gufata ibyemezo mu miyoborere y'amatora atagishije inama inzego zimukuriye mu matora;
4. Kwiyandarika no kwitesha agaciro;
5. Kwangiza ibikoresho by'amatora no gukoresha nabi umutungo wagenewe ibikorwa by'amatora;
6. Kuvutsa utora uburenganzira bwe bwo gutora cyangwa kumuhatira gutora uko atatekereje;
7. Guhindura ibyavuye mu matora no gutangaza raporo zidahuje n'ukuri;
8. Gukoreshwa no kuyoborwa mu mirimo y'amatora n'abatabifite mu nshingano;
9. Kwakira impano n'ibisa na zo mu gihe cy'amatora;
10. Gukoresha umwanya w'akazi mu nyungu ze bwite;
11. Guhimana mu kazi no gukorera mu bwiru;
12. Kurema udutsiko tugamije gusenya;
13. Gukora ikindi cyose cyabangamira imigendekere myiza y'amatora.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Imitegurire n'Imigendekere y'Amatora muri rusange**

**<u>Ingingo ya 12</u>: Gutanga kandidatire**

Gutanga kandidatire bikorwa mu ruhame ku munsi w'itora imbere y'abagize Inteko itora mu matora yose uretse mu matora y'abajyanama rusange n'abagore bagize 30% by'abagize Inama Njyanama y'Akarere,

Ku rwego rw'umudugudu, buri muntu atanga kandidatire ku giti cye cyangwa igatangwa n'undi mu bagize inteko itora umuziho ubushobozi akabyemera. Udahari wujuje ibisabwa, kandidatire ye ishobora gutangwa n'umwe mu bagize inteko itora umuziho ubushobozi akaba ari na we umwamamaza amaze kubyemera.

Ku rwego rw'Akarere kandidatire zitangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga. Abifuza gutanga kandidatire bohereza ibyangombwa bisabwa kuri email ebyiri zatanzwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora muri buri Karere. Utanze kandidatire ahabwa inyandiko y'iyakira. Imiterere y'iyo nyandiko igaragara ku mugereka wa mbere (1).

Kandidature zemejwe n'Inama y'Abakomiseri zigatangazwa ku wa 26/10/2021, hakoreshejwe ikoranabuhanga, ku rubuga nkoranyambaga (website) rwa Komisiyo no mu itangazamakuru.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Kwiyamamaza**

Ku nzego zose zitorerwaho kwiyamamaza no kwamamazwa bikorwa mu ruhame ku munsi w'itora imbere y'abagize Inteko itora. Abakandida bagenerwa igihe kitarenze iminota itanu (05) kugira ngo bageze gahunda zabo ku nteko itora.

Abakandida ku bujyanama ku rwego rw'Akarere baniyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga, itangazamakuru, no kumanika amafoto aho ubuyobozi bw'Akarere n'Umurenge bwagennye. Ibikorwa byo kwiyamamaza bizatangira tariki 3-11 Ugushyingo 2021.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Gukuramo kandidatire**

Umukandida ku bujyanama ku rwego rw'Akarere wifuza gukuramo kandidatire, abikora mu nyandiko yohererezwa Perezida wa Komisiyo kuri email yakoresheje atanga kandidatire, nibura mbere y'amasaha makumyabiri n'ane (24) ngo itora ritangire.

Umukandida ukuyemo kandidatire impapuro z'itora zamaze gukorwa, ntavanwa ku rupapuro rw'itora kandi ntibibuza urupapuro rw'itora gukomeza kugira agaciro. Icyakora, Komisiyo ibimenyesha abatora. Ijwi ryahawe umukandida wakuyemo kandidatire ye rifatwa nk'impfabusa.

**<u>Ingingo ya 15: Guhagararira umukandida</u>**

Umukandida ku bujyanama bw'Akarere, ashobora guhagararirwa mu gihe cyo kwiyamamaza n'igihe cyo gutora. Uhagarariye umukandida agomba kugira icyemezo cyanditse ahabwa n'umukandida kigomba kuba kiriho umukono w'umukandida. Mu yandi matora yose,

uwamamaje umukandida udahari ni na we umuhagararira mu matora kandi nta cyangombwa asabwa.

Mu matora y'abajyanama b'Akarere, uhagararira umukandida mu gihe cyo kwiyamamaza ahabwa n'uwo ahagararira inyandiko igaragaza amazina na nimero y'indangamuntu by'umuhagararira. Icyo cyemezo cyohererezwa umukozi wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu Karere umukandida yiyamamarizamo, hakoreshejwe e-mail zakoreshejwe mu gutanga kandidatire, hasigaye nibura iminsi ibiri (2) mbere y'igikorwa cyo kwiyamamaza, Akarere kakagenerwa kopi.

Mu gihe cy'itora, icyangombwa gihabwa uhagararira umukandida kigaragaza amazina na nimero y'indangamuntu by'uzamuhagararira, aho ashaka ko azamuhagararira (site cyangwa mu cyumba). Icyo cyemezo cyerekwa Perezida w'ibiro by'itora.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Umubare w' Abajyanama b'abagore ku Kagari no ku Murenge**

Umubare w'Abajyanama b'abagore, bangana na mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari n'Umurenge ubarwa mu buryo bukurikira:

X = umubare w'abagomba kugira Inama Njyanama y'Urwego;
30% X= Umubare w'Abajyanama b'abagore bagize 30% mu Nama Njyanama y'Urwego;
A= umubare w'Imidugudu igize Akagari /Utugari tugize Umurenge;
B = umubare w'Abajyanama b'ibyiciro byihariye.

**X= A+B + 30 X/100 = 100%**
X - 30 X/100=A+B
X- 3 X/10=A+B
(10X-3X)/10= A+B
7X/10=A+B
7X= 10 (A+B)
X= 10 (A+B)/7
X= (10 A+10 B)/7, uwo mubare ni wo uherwaho mu kubara imyanya 30% igenerwa Abagore mu Nama Njyanama.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Igihe cyo gutangira no gusoza itora**

Amatora azaba mu Matsinda y'abagize inteko itora Komite Nyobozi y'Umudugudu n'Umujyanama rusange uhagarariye Umudugudu mu Nama Njyanama y'Akagari, azakorwa hagati ya saa moya za mugitondo (7:00 am) na saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (6:00 pm).

Amatora ataziguye ku rwego rw'Umudugudu y'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore na Komite Nyobozi y'Urubyiruko atangira saa mbiri za mu gitondo (8:00 am) akarangira saa tanu (11:00 am).

Amatora aziguye y'abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu n'ay'Umujyanama rusange uhagarariye udugudu muri Njyanama y'Akagari atangira saa tatu za mugitondo (9:00 am), hari nibura ½ cy'abagize inteko itora, akarangira bitarenze i saa sita (12:00 pm).

Andi matora aziguye ku rwego rw'Akagari, Umurenge, Akarere, Intara-Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Igihugu, atangira i saa ine za mu gitondo (10:00 am) hari n'ibura ½ cy'abagize inteko itora akarangira bitarenze i saa kumi z'igicamunsi (4:00 pm).

**<u>Ingingo ya 18</u>: Kuzuza inyandimvugo y'itangira, n'iy'isoza ry'itora**

Nyuma yo kurahira no gusobanurira abaturage imigendekere y'amatora, umuhuzabikorwa w'amatora yuzuza inyandikomvugo itangiza itora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo igaragara ku Mugereka wa kabiri (2).

Iyo amatora arangiye, huzuzwa inyandikomvugo isoza itora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo igaragara ku mugereka wa gatatu (3).

**<u>Ingingo ya 19</u>: Uko bigenda iyo abakandida banganyije amajwi**

Iyo hari abakandida banganyije amajwi amatora asubirwamo hagati y'abanganyije amajwi. Iyo bongeye kunganya, hakoreshwa tombola hagati yabo kugira ngo hamenyekane uwatowe. Uyobora itora ategura udupapuro tungana n'umubare w'abanganyije amajwi, yandika "YEGO" kuri kamwe, udusigaye akatwandikaho "OYA". Utwo dupapuro dushyirwa ahagaragara kugira ngo buri mukandida mu banganyije amajwi ahitemo kamwe. Umukandinda wahisemo akanditseho "YEGO" ni we uba yatowe.

**<u>Ingingo ya 20</u>: Gusimbura uwatowe wazamutse ku rundi rwego**

Mu matora akorewe ku rwego rw'umudugudu, akagari, Umurenge no muri Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu, uwatorewe kujya mu mwanya mu rwegoi rwisumbuye ku rwo yari yaratoreweho asimburwa n'uwamukurikiye mu majwi ku rwego yari yatoreweho.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Amabwiriza yo kwirinda Covid-19**

Ingamba z'Igihugu zashyizweho zo kwirinda no gukumira ikwirakwizwa ry'icyorezo cya covid-19, cyane cyane guhana intera, kwambara neza agapfukamunwa, gukaraba intoki neza hakoreshejwe amazi meza n'isabune cyangwa umuti wabugenewe, zigomba kubahirizwa n'abagira uruhare mu matora bose kuri buri biro by'itora. Abakorerarabushake hamwe n'izindi nzego za Leta zibifite mu nshingano ni bo bakurikirana iyubahirizwa ry'amabwiriza yo kwirinda covid-19 ku biro by'itora.

Muri aya matora, Komisiyo ishyiraho ingamba zihariye hakurikijwe amabwiriza yo kwirinda covid-19 yatanzwe n'inzego zibishinzwe.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Imiterere y'urupapuro rw'itora**

Mu matora y'Abajyanama b'Akarere hakoreshwa impapuro z'itora ebyiri (2), rumwe rwera rutorerwaho Abajyanama rusange n'urundi rw'ibara rutorerwaho abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Akarere, ziriho amazina n'amafoto by' abakandida kuri iyo

myanya. Abakandida bakurikirana ku rupapuro rw'itora hakurikijwe igihe batangiye kandidatire zabo.

Mu yandi matora yose aziguye hakoreshwa impapuro zagenwe na Komisiyo.

**Ingingo ya 23: Imigendekere y'amatora**

Amatora y'abantu batatu (3) bahagarariye Itsinda mu matora yo ku Mudugudu, abera muri buri Tsinda rigize Umudugudu. Ariko mu Midugudu ifite Amatsinda atarenze atatu (3), ayo matora ntazakorwa, ahubwo abagize Umudugudu bose bagize inteko itora ku Mudugudu, ku itariki ya 23/10/2021.

Mu matora y'Abajyanama b'Uturere, abagize inteko itora bose bahabwa urupapuro rw'itora rutorerwaho abajyanama rusange. Abatora abajyanama rusange bagatora n'abagore buzuza 30% by'abagore (abagize Njyanama z'Imirenge n'abari muri Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku Karere) bahabwa urupapuro rwa kabiri rutorerwaho 30% by'abagore. Utora avivura mu tuzu twabugenewe imbere y'amazina n'amafoto by'abakandida ashaka gutora batarenze imyanya itorerwa. Iyo utora arengeje umubare w'imyanya itorerwa, urupapuro rw'itora ruba impfabusa.

Mu yandi matora aziguye ku nzego zose, utora yandika ku rupapuro rwagenwe amazina y'umukandida ashaka gutora.

Mu matora ataziguye abera mu Matsinda, aya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore n'aya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Umudugudu, n'amatora ya Komite Nyobozi y'Abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akagari akorwa mu buryo butari ibanga abatora bajya inyuma y'abakandida bihitiyemo.

Iyo amatora arangiye, kuri buri rwego, abayoboye amatora buzuza inyandikomvugo y'imigendekere y'amatora.

**Ingingo ya 24: Abemerewe kwifashisha ababatorera**

Umuntu ufite ubumuga bwo kutabona cyangwa ubumuga bw'amaboko butuma adashobora kwitorera cyangwa kwishyirira urupapuro rw'itora mu gasanduku, yemererwa kuzana umwana ufite nibura imyaka cumi n'ine (14) ariko utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko, kugira ngo amufashe gutora. Ufashwa gutora kubera ubumuga agomba kuba na we ahibereye.

Uretse abantu bateganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo nta wundi wemerewe gutorerwa n'undi

## UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

**Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo, zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 15/10/2021

**(sé)**

**Prof. KALISA MBANDA**
**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

# IMIGEREKA KU MABWIRIZA N° 01/2021 YO KU WA 15/10/2021 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA AGENGA AMATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE N'AB'INAMA Z'IGIHUGU MU 2021

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA MBERE : INYANDIKO Y'IYAKIRA RYA KANDIDATIRE KU MWANYA W'UMUJYANAMA KU RWEGO RW'AKARERE**

**Umwaka wa 2021, Ukwezi kwa ............ , tariki ya ............ i saa ....... n'iminota ......... , njyewe ................................... Umukozi wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu Karere ka ..................., nshyikirijwe na Madamu / Bwana ..................................................................... dosiye ya kandidatire ye ku mwanya w'Umujyanama mu Karere ka .....................**

**Umwanya yiyamamariza: UMUJYANAMA RUSANGE /UMUGORE MURI 30% BY'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE**

**IBYATANZWE N'UMUKANDIDA**

| # | INYANDIKO ZISABWA | YEGO/OYA | ICYITONDERWA |
|---|---|---|---|
| | Ibaruwa itanga kandidatire isinye, yandikiwe Perezida wa NEC kandi imenyesha Akarere n'umwanya yiyamamariza | | |
| | Umwirondoro utaburamo amazina ye, igihe n'aho yavukiye, aho atuye, amashuri yize n'ibyo yakoze, umurimo akora n'aho akora | | |
| | Kopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa ikiyisimbura cyemewe | | |
| | Kopi y'impamyabumenyi/bushobozi iriho umukono w'umwimerere wa Noteri | | |
| | Ifoto ngufi y'ibara, ya JPG ifite inyuma hera | | |
| | Icyemezo cy'Ubutabera kitarengeje amezi atandatu (6) | | |
| | Inyandiko ihamya ko ibyatanzwe n'umukandida bihuje n'ukuri | | |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

## UMUGEREKA WA 2: INYANDIKOMVUGO ITANGIZA ITORA MU CYUMBA CY'ITORA

**Umujyi wa Kigali / Intara ya..........................**
**Akarere ka....................................................**
**Umurenge wa................................................**
**Akagali ka......................................................**
**Umudugudu wa..............................................**
**Ibiro by'itora.............................................**

**Umwaka wa …………… ukwezi kwa ………… umunsi wa ………………..**
**Twebwe ……………………………….........……...............…….., Umuhuzabikorwa w'amatora mu cyumba cy'itora n'abaseseri b'amatora dutangije itora mu cyumba cy'itora cya ................................................................ ku buryo bukurikira:**

**1. Twagenzuye udusanduku tw'amatora dusanga nta mpapuro zirimo.**

**2. Umubare w`abagore n'abagabo bari kuilisiti y'itora batorera mu cyumba cy`itora**

| Gore | Gabo | Bose |
|---|---|---|
| | | |

**3. Umubare w'impapuro z'itora twahawe**

**4. Itora ritangiye saa**

| Amazina, irangamuntu, telefone n'Imikono by'abaseseri mu cyumba cy'itora | Amazina, irangamuntu, telefone n'Umukono by'Umuhuzabikorwa w'amatora mu cyumba cy'itora |
|---|---|
| 1..............................................................<br>2..............................................................<br>3..............................................................<br>4.............................................................. | ................................................................... |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA 3: INYANDIKOMVUGO ISOZA ITORA**

**Umujyi wa Kigali / Intara ya ...........................**
**Akarere ka ......................................................**
**Umurenge wa .................................................**
**Akagali ka ........................................................**
**Umudugudu wa ...............................................**
**Ibiro by'itora .............................................**

**Umwaka wa ................... ukwezi kwa ..................., umunsi wa ......................., twebwe .............................................................................., Perezida w'ibiro by'itora ..........................................**

**Tumaze kubona ko ari saa ........................,**

**Dushoje amatora.**

**Amazina n'umukono bya Perezida**
**w'ibiro by'itora**
**..........................................................**

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Amabwiriza n° 01/2021 yo ku wa 15/10/2021 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inama z'igihugu mu 2021**

Kigali, ku wa 15/10/2021

**(sé)**

**Prof. KALISA MBANDA**
**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux